REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°14/2019: **Taliki: 11–20 Gicurasi 2019**

Ryoherejwe kuwa 22 Gicurasi 2019

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse mu gice cya kabiri (11-20) cya Gicurasi_2019; cyagaragajeko imvura yabaye nyinshi mu Ntara y'Iburasirazuba, Umujyi wa Kigali, Amajyaruguru ndetse n'amajyaruguru y'Intara y'Iburengerazuba aho ahandi mu gihugu haboneka imvura nke ugereranyije n'imvura isanzwe ihaboneka muri iyo minsi
- Ubuhehere bw'ubutaka bwakomeje kwiyongera mu Burasirazuba, mu gihugu hagati ndetse n'Amajyaruguru kubera imvura nyinshi yabonetse muri icyo gice cy'u Rwanda
- **Mu gice cya gatatu (21-31) cya Gicurasi_2019:** hateganyijwe imvura izaba nyinshi mu minsi y'icyumweru cya mbere cy'iki gice; ikaba izagabanuka mu yindi minsi yegera impera z'uku kwezi

I. Iriburiro

Muri 11-20_Gicurasi_2019: tubonako imvura yabaye nyinshi mu Ntara y'Iburasirazuba, mu Mujyi wa Kigali, Amajyaruguru ndetse n'amajyaruguru y'Intara y'Iburengerazuba naho ahandi mu gihugu haboneka imvura nke ugereranyije n'imvura isanzwe ihaboneka muri iyo minsi

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye hagati ya 11-20_Gicurasi_2019 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	11-20_Gicurasi_2019	11-20_Gicurasi
Kigali	56.7	35.1
Rusizi	22.1	29.9
Rubavu	33.7	32.6
Nyamagabe	30.8	45.3
Ngoma	18.0	35.4
Gicumbi	45.5	38.4
Busogo	30.8	48.7
Bugarama	16.2	32.8
Musanze	56.5	52.7
Gitega	59.1	14.5
Rubengera	11.9	29.4
Byimana	21.0	55.4
Kawangire	73.2	42.8
Nyagatare	47.9	32.6

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye hagati ya 11-20_Gicurasi_2019 ndetse n'imvura isanzwe igwa muri iyo minsi

Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye hagati ya 01-10_Gicurasi_2019 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 11-20_Gicurasi_2019



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 11-20_Gicurasi



Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): 01-10_Gicurasi_2019



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): 01-10_Gicurasi



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu mu mataliki ya 11-20_Gicurasi_2019 mu buryo burambuye

Igiteranyo cy'imvura yabonetse mu mataliki ya 11-20_Gicurasi_2019; cyerekanako imvura yabaye nyinshi mu Ntara y'Iburasirazuba, Umujyi wa Kigali, Amajyaruguru ndetse n'amajyaruguru y'Intara y'Iburengerazuba; naho ahandi mu gihugu haboneka imvura nke ugereranyije n'imvura isanzwe ihaboneka muri iyo minsi (aho ku bupimiro bwa Kawangire ariho hapimwe imvura nyinshi ingana na mm73.2; reba **Ikarita1&2** ndetse n'**Imbonerahamwe1**); naho igiteranyo cy'imvura yaguye mu gice cya mbere (taliki 01-10) cya Gicurasi_2019; cyagaragaje imvura yapimwe ari nyinshi ku bupimiro bwo mu Majyaruguru; naho ku bupimiro bwo mu Ntara y'Amajyepfo ndetse no mu majyepfo y'Iburasirazuba hagaragara imvura nke ugereranyije n'ahandi mu gihugu ndetse n'imvura isanzwe imenyerewe kuri buri bupimiro muri iyo minsi (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ubuhehere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Gicurasi.2019.igice cya mbere

Ikarita6: Gicurasi.2019.igice cya kabiri

Twitegereje amashusho y'icyogajuru ku buhehere bw'ubutaka mu gice cya mbere ndetse n'icya kabiri bya Gicurasi_2019; dusanga ubuhehere bukomeje kwiyongera cyane cyane mu Burasirazuba, mu gihugu hagati ndetse no mu Majyaruguru kubera imvura yabonetse ari nyinshi muri ibyo bice by'igihugu (reba **Ikarita 5&6**)

b) Iteganyagihe ry'igice cya gatatu Gicurasi_2019

Mu gice cya gatatu cya Gicurasi_2019; hateganyijwe imvura izaba nyinshi mu minsi y'icyumweru cya mbere cy'iki gice; ikaba izagabanuka mu yindi minsi yegera impera z'uku kwezi:

- **Umujyi wa Kigali:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm40 kugeza kuri mm100 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Uburasirazuba:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm60 kugeza kuri mm80 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Amajyepfo:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm60 kugeza kuri mm125 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Uburengerazuba:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm40 kugeza kuri mm125 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Amajyaruguru:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm30 kugeza kuri mm125 mu byumweru bibiri

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu byumweru bibiri biri imbere:



Ikarita7: Gicurasi.2019 kuva taliki 21 kugeza taliki 27

Ikarita8: Gicurasi.2019 kuva taliki 28 kugeza Kamena taliki 03

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe ku risohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)